

AMABWIRIZA YA MINISITIRI N°001/MIDIMAR/2013 YO KUWA 24/05/2013	MINISTERIAL INSTRUCTIONS N°001/MIDIMAR/2013 OF 24/05/2013	INSTRUCTIONS MINISTERIELLES N°001/MIDIMAR/2013 DU 24/05/2013
AGENA UBURYO BWO KUBAKA HIRINDWA IBIZA BITERWA N'INKUBA, IMVURA N'UMUYAGA	DETERMINING CONSTRUCTION MODALITIES OF PREVENTING DISASTER CAUSED BY THUNDERSTORMS, RAIN AND WINDSTORMS	DETERMINANT LES MODALITES DE CONSTRUCTION DES BATIMENTS EN PREVENANT LES EFFETS DES CATASTROPHES PROVOQUEES PAR LA FOUDRE, LA PLUIE ET LE VENT
Minisitiri w'Imicungire y'Ibiza no Gucyura Impunzi;	The Minister of Disaster Management and Refugee Affairs;	Le Ministre de la Gestion des Catastrophes et des Réfugiés;
Amaze kubona ko Igihugu cy'u Rwanda gikomeje kwibasirwa n'inkuba ziteza impfu no gukomereka kw'abantu, kwangirika kw'amazu, imitungo n'ibindi bikorwa remezo;	After realising that the Republic of Rwanda has constantly been faced by thunder which has claimed lives of people and accidents to people, destruction of houses, properties and other infrastructures;	Vu que le territoire rwandais continue de subir des foudres qui provoquent des décès et des blessures des personnes, les endommagements de bâtiments, de biens et d'autres infrastructures;
Amaze kubona ko mu duce twinshi tw'Igihugu hamaze iminsi hagaragara imiyaga myinshi isakambura inyubako zitandukanye zirimo amazu n'ibindi bikorwa remezo;	After realising that in different locations of the country there has been windstorms destroying different infrastructure including houses and other infrastructure;	Vu que, dans plusieurs localités du pays, ces derniers temps ont été caractérisés par des vents violents qui emportent les toits des différentes constructions, y compris des bâtiments et autres infrastructures;
Amaze kubona ko inyubako zisakamburwa n'umuyaga bitewe ahanini n'uko ibisenge byazo biba bitaziritse neza;	After realising that buildings are destroyed by wind largely due to improper roofing;	Vu que les constructions dont les toits sont emportés par le vent sont notamment celles dont les toits sont mal fixés;
Amaze kubona ko ari ngombwa gutanga amabwiriza n'ubutumwa bw'ukuntu abaturarwanda bakwirinda ibiza biterwa n'inkuba cyangwa n'umuyaga usakambura inyubako zitandukanye;	After finding that it is necessary to issue instructions and offer information as to how Rwandan population should prevent themselves from disasters caused by thunder or wind which destroy different houses;	Vu l'urgence de donner une instruction et un message sur les modalités qui peuvent être mises en oeuvre par la population pour prévenir les catastrophes causées par les foudres ou les vents qui emportent les toits des différentes constructions;

Official Gazette n° 23 of 10/06/2013

Ashingiye ku myanzuro y'Inama y'Abaminisitiri yateranye tariki ya 14/11/2012, ikagaragaza ko ingaruka z'ibiza bishingiye ku nkuba, ku mvura no ku muyaga zikomeje guhitana abantu benshi ndetse no kwangiza imitungo, ikemeza ko abaturage bagomba gushishikarizwa kuzirika ibisenge by'amazu no gukurikiza amabwiriza yo kwirinda inkuba, cyane cyane ku nyubako zihurirwamo n'abantu benshi;

Pursuant to Cabinet resolutions held on 14/11/2012, which indicated that the effects of disaster are based on thunderstorms, rain and windstorms have continued to claim many lives of people and destroying enormous properties, it decided that the population must be sensitised to fix the roofs of all houses and to follow instructions on how to prevent thunderstorms, especially buildings in which many people gather;

Vu la décision du Conseil des Ministres réuni le 14/11/2012 qui, ayant indiqué que les effets des catastrophes causées par les foudres, les pluies et les vents continuent d'emporter des vies humaines et d'endommager des biens, a pris une décision selon laquelle la population doit être sensibilisée à la fixation des toits de leurs maisons et au respect des instructions de prévention des effets de la foudre, spécialement en ce qui concerne les bâtiments dans lesquels se réunissent un grand nombre de personnes;

ATANZE AMABWIRIZA AKURIKIRA:

ISSUES THE FOLLOWING INSTRUCTIONS:

EMET LES INSTRUCTIONS SUIVANTES:

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Ingingo ya mbere: icyo aya mabwiriza agamije

Article One: Purpose of these Instructions

Article premier: Objet des présentes instructions

Aya mabwiriza agena uburyo bwo kubaka hirindwa ibiza biterwa n'inkuba, imvura n'umuyaga.

These Instructions determines the modalities for construction by preventing disasters caused by thunderstorms, rain and windstorms.

Les présentes instructions déterminent les modalités de construction des bâtiments en prévenant les effets des catastrophes provoquées par la foudre, la pluie et le vent.

Cyakora, aya mabwiriza ntabangamira andi mabwiriza asanzweho agena uburyo bw'imyubakire mu Rwanda.

However, these Instructions shall not prejudice other existing instructions determining the modalities for construction in Rwanda.

Toutefois, les présentes instructions n'affectent en rien les autres instructions en vigueur régissant les constructions au Rwanda.

Ingingo ya 2: Igisobanuro cy'ijambo "inkuba"

Article 2: Definition of the term "thunderstorm"

Article 2: Définition du terme "foudre"

Umurabyo uba umeze nk'umuriro

Lightning is like electric fire which looks for

Un éclair ressemble à une décharge électrique

Official Gazette n° 23 of 10/06/2013

w'amashanyarazi uba ushakisha ikintu kirekire gusumba ibindi; umwuka wo hasi ushyushye uhura n'uwu hejuru mu gihe imvura igiye kugwa ndetse n'igihe irimo kugwa.	highest thing; the warm underground air mixes with upper air when it is about to rain and when it is raining.	attirée par un objet proéminent; l'air bas et chaud entrant en contact avec l'air d'en haut avant ou pendant qu'il pleut.
Iyo umurabyo umaze kugera ku kintu runaka washakaga, cyaba icyuma, igiti, inzu cyangwa umuntu uragikubita, hakumvikana urusaku abantu bakunze kwita inkuba.	If thunder reaches on a particular object it is searching, whether a metal, tree, house or person it strikes, and noise is always heard which people commonly call thunder.	Lorsque l'éclair entre en contact avec un objet quelconque, que ce soit un métal, un arbre, un bâtiment ou une personne, il se produit un bruit communément appelé tonnerre.
Akenshi, inkuba ikubita mu mvura. Cyakora, hari n'igihe ikubita mbere y'uko imvura itangira kugwa cyangwa nyuma yayo.	In most cases thunder strikes in rain, but sometimes it strikes before it rains or after.	Les foudres frappent généralement quand il pleut. Elles peuvent cependant précéder la pluie ou en être subsequentes.
Mbere y'uko inkuba yumvikana, habanza kugaragara umurabyo.	Before thunder strikes, lightning appears first.	Avant qu'elle ne soit audible, la foudre est annoncée par un éclair.
<u>Ingingo ya 3: Kwigisha no gushishikariza abaturage kwirinda ibiza</u>	<u>Article 3: Educating and sensitizing people to prevent disasters</u>	<u>Article 3: Eduquer et sensibiliser la population sur la prévention des effets des catastrophes</u>
Mu rwego rwo gushishikariza abaturage kwirinda ibiza bikomoka ku nkuba, imvura n'umuyaga, abayobozi ku nzego zinyuranye basabwe kumenyekanisha aya mabwiriza kuyashishikariza abo bireba no kureba ko yubahirizwa.	In the context of sensitizing people to protect themselves against disasters emanating from thunderstorms, rainfall and windstorms, authorities at different levels shall be required to inform people about these instructions, to sensitize the concerned people and ensure their compliance.	Dans le cadre de sensibiliser la population sur la préservation des effets des catastrophes causées par la foudre, la pluie et le vent, les autorités publiques à divers échelons sont chargées de diffuser les présentes instructions, les faire parvenir à tous les concernés et de s'assurer de leur application.
Inama Njyanama y'Umurenge ishyiraho ingamba zo kubahiriza aya mabwiriza.	Sector Advisory Council shall establish measures for implementing these Instructions.	Le Conseil Consultatif de Secteur adopte les mesures d'exécution des présentes instructions.
<u>Ingingo ya 4: Itangwa ry'icyemezo cyo gukoresha inyubako</u>	<u>Article 4: Issuing of the permit to use a building</u>	<u>Article 4: Octroi du permis d'usage d'un bâtiment</u>
Mbere yo gutanga impushya zo gukoresha	Competent authorities shall be required to inspect	Avant de délivrer un permis d'utilisation d'une

inyubako icyo yagenewe, ubuyobozi bubifitiye ububasha busabwe kugenzura ko iyo nyubako ifite ibikoresho byo kurinda inkuba no kureba ko igisenge cyayo kiziritse neza.

whether constructions have materials to protect against thunderstorms and ensure that roof is properly fixed before issuing a permit for specified construction purpose.

construction à l'usage auquel il est destiné, les autorités compétentes sont chargées de vérifier que la construction concernée est munie de paratonnerres et de s'assurer que le toit est ont correctement fixé.

UMUTWE WA II: KWIRINDA INKUBA

CHAPTER II: PREVENTION OF THUNDERSTORMS

CHAPITRE II: PREVENTION DES EFFETS DE LA FOUDRE

Ingingo ya 5: Gushyira iminara irinda inkuba ku nyubako

Article 5: Putting Lightning rod on buildings

Article 5: Installation des paratonnerres pour bâtiments

Inyubako zose, cyane izihurirwamo n'abantu benshi (amashuri, insengero, ibitaro, inzu z'ubucuruzi, amazu y'imyidagaduro, amagorofa, inyubako zitandukanye n'ahandi hose hahurira abantu benshi) zigomba kuba zifite iminara irinda inkuba.

All buildings especially those where many people gather (schools, churches, hospitals, commercial houses, entertainment houses, flats, different buildings and other places where many people gather) shall have lightning rod.

Tous les bâtiments, spécialement ceux qui habitent un grand nombre de gens (écoles, églises, hôpitaux, bâtiments commerciaux, bâtiments de loisirs, des maisons en étages, constructions diverses et toute autre construction réservée au public) doivent être munis des paratonnerres.

Ingingo ya 6: Ibisabwa abaturage mu kwirinda inkuba

Article 6: What the population is required to do in preventing thunderstorms

Article 6: Obligations auxquelles la population est soumise pour prévenir les effets des foudres

Mu gihe cy'inkuba n'imirabyo, imvura yaba igwa cyangwa itagwa, abaturage barasabwa gukurikiza amabwiriza n'inyigisho zitangwa n'ubuyobozi mu rwego rwo kwirinda ingaruka ziterwa n'inkuba.

During thunderstorms and lightning, whether it is raining or not, the population shall be required to follow instructions and advices offered by authorities in order to prevent the effects caused by lightning.

En cas des foudres et des éclairs, tant en présence qu'en l'absence de pluies, la population est tenue de respecter les instructions et les conseils donnés par les autorités dans le cadre de prévenir les effets des foudres.

Ingingo ya 7: Uburyo bwo kwirinda gukubitwa n'inkuba igihe uri mu nzu imbere

Article 7: Mechanisms for preventing thunderstorms while inside the house

Article 7: Modalités de prévenir les effets de la foudre à l'intérieur d'un bâtiment

Mu gihe hagwa imvura ivanze n'inkuba n'imirabyo, abaturage basabwe gukurikiza ibi bikurikira:

In the event of a mixture of rains, thunderstorms and lightning, people shall be required to follow the following:

Lors d'une pluie orageuse, les gens sont tenus à respecter les instructions suivantes:

Official Gazette n° 23 of 10/06/2013

1° kwirinda gukoresha ibyuma bizamukamo abantu mu nyubako z'amagorofa;

2° kwirinda gukorakora no kwegera amadirishya ariho ibyuma bya giriya, inzugi n'imiryango bikoze mu byuma, amatiyo y'amazi n'ibindi bikoreho byose bikoze mu byuma;

3° kwirinda gukoresha ibintu byose bikoresha amashanyarazi mu gihe umuntu atizeye neza ko inyubako birimo ifite umurindankuba.

1° to avoid using lifts;

2° to avoid touching and being close to windows with grills, doors, water pipes and other equipments made by metal;

3° to avoid using electrical appliances if he/she is not certain whether the building in which therein has lightning rod.

1° éviter l'usage des ascenseurs;

2° éviter de toucher et d'approcher les fenêtres munies des grillages, les portes et les entrées, les tuyaux d'eau et autres matériaux métalliques;

3° éviter l'usage des appareils électroniques lorsqu'on n'a pas la certitude que le bâtiment dans lequel ils se trouvent est pourvu de paratonnerre.

Ingingo ya 8: Uburyo bwo kwirinda gukubitwa n'inkuba mu gihe umuntu ari hanze y'inyubako no ku misozi

Kugira ngo umuntu yirinde inkuba mu gihe ari hanze cyangwa ku misozi miremire, agomba:

1° kwihutira kujya kugama mu nzu iri hafi, mu gihe imvura yiganjemo imirabyo n'imihindo y'inkuba;

2° kwirinda kuba ahantu hahanamye no mu mpanga z'imisozi;

3° kwirinda kugama muni y'ibiti, cyane cyane igiti kirekire kandi kiri

Article 8: Preventing thunderstorms outside the building and on high mountains

In order for a person to prevent thunderstorms when outside or on high mountains, he/she shall:

1° immediately put yourself in the nearby shelter of a building if it is raining with lightning and thunderstorms;

2° avoid open spaces, hills and steep slopes;

3° avoid squatting low to the ground in the woods, especially underneath a single

Article 8: Prévention des effets de la foudre en plein air ou sur le haut des montagnes

Afin de prévenir des effets de la foudre, toute personne se trouvant en plein air ou sur le haut des montagnes doit:

1° aller immédiatement s'abriter dans un bâtiment plus proche, en cas de pluie orageuse;

2° éviter les zones à forte dénivellation et les sommets des montagnes;

3° éviter de s'abriter sous les arbres et, en particulier, de longs arbres isolés;

Official Gazette n° 23 of 10/06/2013

- | | | |
|---|---|---|
| cyonyine; | isolated large tree in the open space; | |
| 4° kwirinda kugama ahagereye iminara y'itumanaho, itariho imirindankuba; | 4° avoid being near communication antennas, which do not have protected lightning rod; | 4° éviter de s'abriter tout près des antennes de télécommunication non pourvus de paratonnerre; |
| 5° kwirinda kuba mu metero mirongo itatu (30) z'uruzitiro rukozwe mu byuma (senyenge, ferabeto, inkingi z'ibyuma n'ibindi) kuko byakongera amakuba yo gukubitwa n'inkuba; | 5° avoid staying in thirty (30) meters of an electronic fence (wire fences, metal poles rock walls and others) as they would increase the chances of being struck by thunderstorms; | 5° éviter de stationner dans les trente (30) mètres d'un enclôis fait en fils d'acier (treillis, fer à béton, piliers en métal, etc..) car ils accroissent le risque d'être frappé par la foudre; |
| 6° kwirinda kujya mu nkengero z'ishyamba, mu gihe inkuba zitangiye gukubita, waba uzirimo ukihutira kujya kugama mu nzu, bitashoboka ukajya hagati mu ishyamba, hatari muni y'ibiti birebire; | 6° avoid going to the edges of forests, when thunderstorms begin to struck , it is best to stay under shelter, and if it is not possible to in the middle of the forest but not under tall trees; | 6° éviter les environs des forêts lorsque les foudres commencent à s'abattre et si l'on s'y trouve déjà, se presser d'aller s'abriter dans une maison et, à défaut de celle-ci, aller à l'intérieur de la forêt, et non sous de longs arbres; |
| 7° kuva mu mazi vuba, mu gihe imvura itangiye kugwa, by'umwihariko ku bantu barimo koga mu ruzi, ikiyaga cyangwa pisine n'ahandi nk'aho; | 7° quickly stay away from water when it begins to rain, particularly to those people swimming in oceans, rivers or swimming pool and other similar places; | 7° quitter immédiatement l'eau, lorsqu'il commence à pleuvoir, spécialement pour les gens qui sont en train de nager dans une fleuve, un lac ou une piscine et dans des endroits similaires; |
| 8° kwirinda kugumana mu ntoki ibyuma no guheka ikintu icyo cyose gifite akuma gasongoye kareba hejuru; | 8° avoid holding metals ski, ski pole or hiked with sharp end facing above; | 8° éviter de garder dans les mains un métal et de porter tout objet ayant un métal pointu porté vers le haut; |
| 9° kwirinda kugenda ku binyabiziga nk'amagare cyangwa amapikipiki. | 9° avoid using motobike or motorcycle. | 9° éviter de conduire les véhicules automoteurs, tels que les bicyclettes et motocyclettes. |

Ingingo ya 9: Ibindi bisabwa mu rwego rwo kwirinda ibiza bikomoka ku nkuba

Aho umuntu yaba ari hose, agomba:

- 1° kwirinda gukorakora no gutwara ibikoresho bizwiho gutwara amashanyarazi vuba, ni ukuvuga ibyuma binyuranye nk'umutaka ufite agatwe gasongoye gakozwe mu cyuma, mu gihe ibyo bikoresho bisumba umutwe w'ubitwaye;
- 2° kurinda ibikoresho bikorehwa n'amashanyarazi, hifashishwa ibyuma byabugenewe no kwihutira gucomokora ibyuma bikoresha amashanyarazi, mu gihe bitarindishijwe ibyuma byabugenewe;
- 3° kwirinda kuba ahantu uzi neza ko inkuba yigeze kuhakubita kuko ishobora gusubira aho yigeze, iyo nta murindankuba wahashyizwe;
- 4° aho bishoboka, kwirinda gusakaza inzu amabati akozwe mu byuma; aho akoreshejwe, hagashyirwaho insinga zihuza inguni zose z'inzu n'ubutaka;
- 5° gusakaza amategura, aho bishoboka hose;

Article 9: Other requirements to prevent disasters caused by thunderstorms

Wherever a person may be, he/she shall:

- 1° avoid touching and taking equipments reserved for electricity transmission, such as an umbrella with apointed metal on top in the event that such equipments are on a higher level than the height of the person carrying them;
- 2° protect electrical appliances, using special devices and to quickly unplug electrical appliances if they are not protected by special devices;
- 3° avoid staying in place well knowing that thunderstorms have struck before as it may strick again if no lightning rod was installed;
- 4° where possible, avoid roofing using metal iron sheets, where used, to install wires connecting all corners of the house and ground plugs;
- 5° roof with tiles where possible;

Article 9: Autres précautions pour prévenir des effets de la foudre

Où qu'elle se trouverait, une personne doit:

- 1° éviter de toucher et porter des objets conducteur d'électricité, c'est-à-dire différents métaux, tels qu'un parapluie avec sommet en métal pointu, au cas où de tels objets se trouvent à un niveau dominant la taille de la personne qui les porte;
- 2° protéger les appareils électroniques au moyen des dispositifs conçus à cette fin et les débrancher spontanément s'ils ne sont pas protégés par lesdits dispositifs;
- 3° éviter des endroits où la foudre est déjà tombée vu qu'elle est susceptible d'y tomber de nouveau, si ces endroits ne sont pas pourvus des paratonnerres;
- 4° éviter, si possible, de couvrir des bâtiments avec des toits en tôles fait en métal et, dans le cas où ces tôles sont utilisés, pourvoir tous les angles de ce bâtiment d'une mise à la terre;
- 5° couvrir des toits des bâtiments avec les tuiles, dans tous les cas où c'est possible;

6° mu gihe nta mvura igwa kandi hari inkuba n'imirabyo, abaturage basabwe gukurikiza amabwiriza yose yo kwirinda inkuba, cyane cyane hirindwa kujya muni y'ibiti birebire biri byonyine no gukoresha ibyuma bisongoye bitunze mu kirere.

6° in the event of no rain but when there are thunderstorms and lightning, follow all the instructions of preventing thunderstorms, especially avoiding to stand underneath tall isolated trees and using high pointed metals.

6° lorsqu'il ne pleut pas mais qu'il y a des coups de tonnerres et des éclairs, respecter des instructions de prévention des effets de la foudre, notamment en évitant de se tenir sous de longs arbres isolés et d'utiliser des objets pointus orientés en haut.

UMUTWE WA III: KWIRINDA IBIZA BIKOMOKA KU MUYAGA

CHAPTER III: PREVENTION OF EFFECTS CAUSED BY WINDSTORMS

CHAPITRE III: PREVENTION DES EFFETS DU VENT

Ingingo ya 10: Inshingano yo kuzirika ibisenge

Article 10: Responsibility to fix roofs

Article 10: Obligation de fixer les toits

Mu gihe cyo kubaka, abaturage n'abubaka amazu muri rusange basabwe kuzirika ibisenge by'inyubako, hakoreshejwe ibikoresho byabugenewe bijyanye n'imiterere y'izo nyubako kandi bakurikije amabwiriza agenga imyubakire mu Rwanda.

During construction, the population and constructors in general shall be required to fix roofs, using special equipments which fit the structures and in accordance with the instructions governing construction in Rwanda.

En érigeant des constructions, les gens et les constructeurs des bâtiments, en general, sont tenus de fixer les toits des constructions en utilisant le matériel approprié et adapté à la nature de ces immeubles et de se conformer aux instructions régissant la construction.

Ingingo ya 11: Inzu zisanzwe zubatse

Article 11: Houses already constructed

Article 11: Bâtiments déjà construits

Umuntu wese ufite inzu isanzwe yubatse ariko ikaba ifite igisenge kitaziritse neza, asabwe kuba yarangije kukizirika neza yifashishije ibikoresho byabugenewe, mu gihe kitarenze umwaka umwe uherye igihe aya mabwiriza atangarijwe mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Any person who has an already constructed house but which has a roof that is not properly fixed shall be required to have finished to fix it properly using special equipments, in a period not exceeding one year from the period these instructions are published in the Official gazette of the Republic of Rwanda.

Tout propriétaire d'un bâtiment déjà construit qui cependant a un toit mal fixé est tenu de le fixer convenablement en utilisant le matériel approprié, dans un délai ne dépassant pas une année à compter de la publication des présentes instructions au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Nyuma y'icyo gihe, ubuyobozi bw'Umurenge bugomba kugenzura ko ibisenge biziritse neza, ku buryo bitatwarwa n'umuyaga kandi bukanafata n'ingamba ku bantu bazaba batarashyira mu

After that period, the Sector administration must inspect whether the roofs are properly closed, such that they cannot be taken by wind and take measures against those who will have failed to comply with the provisions provided for in this

A l'expiration de ce délai, les autorités de Secteur doivent s'assurer que les toits sont convenablement fixés de telle sorte qu'ils ne peuvent pas être emportés par le vent et prendre des mesures à l'encontre des personnes qui

bikorwa ibivugwa muri iyi ngingo.

Article.

n'auront pas respecté les dispositions du présent article.

Ingingo ya 12: Inyigisho z'uburyo abantu bakwirinda ibiza bikomoka ku muyaga

Article 12: Advices on how people can prevent disasters caused by effects of windstorms

Article 12: Instructions sur la façon dont les gens peuvent prévenir les effets des vents

Ingamba zikurikira zigomba gushyirwa mu bikorwa kugira ngo hagabanywe ingaruka ziterwa n'umuyaga:

The following measures must be implemented in order to reduce the effects caused by windstorms:

Les mesures qui suivent doivent être mises en exécution en vue de réduire les effets causés par les vents:

1° kuzirika ibisenge by'amazu yubakwa, hifashishijwe impurumpuru, imikwege, insinga n'ibindi bintu bisa nk'ibi;

1° to fix the roofs of houses under construction using steel strings, wires and other similar equipments;

1° fixer les toits des bâtiments en cours de construction par des rubans d'acier, des fils, des cables et d'autres matériaux similaires;

2° ku mazu asanzwe yubatswe, kugenzura ko ibisenge biziritse neza, ku buryo bitatwarwa n'umuyaga;

2° on houses already constructed, to ensure that roofs are properly fixed, so that they cannot be blown by wind;

2° s'assurer que les toits des bâtiments déjà construits sont correctement fixés de telle sorte qu'ils ne peuvent pas être emportés par le vent;

3° kwirinda kwerekeza igisenge, imiryango n'amadirishya by'inyubako mu cyerekezo umuyaga uturukamo;

3° to avoid putting roofs, doors and windows particularly in the direction where wind blows;

3° éviter d'orienter le toit d'un bâtiment, ses entrées et ses fenêtres dans une direction contraire aux vents dominants;

4° gutera ibiti ku misozi ihanamyeye no mu bibaya kugira ngo bifate ubutaka kandi bigabanye ubukana bw'umuyaga;

4° to plant trees on high mountains and in highlands so as to maintain soil in order to reduce the danger of windstorms;

4° reboiser les montagnes à fortes dénivellations et les plaines pour empêcher l'érosion et pour réduire la violence des vents;

5° gutera ibiti imbere y'inyubako mu cyerekezo giturukamo umuyaga;

5° to plant trees in front of a building in the direction of wind;

5° reboiser la partie se trouvant devant le bâtiment dans la direction des vents dominants;

6° kubahiriza gahunda za Leta zijyanye n'imiturire (gutura mu midugudu n'ahandi hagenwe) kuko haba habanje gukorerwa inyigo;

6° to implement Government programmes relating to habitation (living in Villages and any other determined place) because such places require a preliminary study;

6° respecter les politiques gouvernementales en rapport avec l'habitat (habiter dans les agglomérations ou dans d'autres endroits affectés à cette fin) au motif que de tels endroits font l'objet d'une étude préalable;

7° gushishikariza inzego z'abafatanyabikorwa bubakira abatishoboye gukurikiza amabwiriza y'imyubakire yo kuzirika ibisenge;

7° to sensitize organs of stakeholders constructing houses for the needy to follow construction instructions of fixing roofs;

7° sensibiliser les partenaires qui construisent les maisons pour les personnes vulnérables au respect des instructions relatives aux constructions et à la fixation des toits;

8° gushishikariza abaturage gusakaza amategura no kubaka ibisenge bikoze mu buryo bugabanya ingaruka z'ibiza.

8° to sensitize people to use tiles in roofing and fixing roofs in a way that reduces the effects of disasters.

8° sensibiliser les gens pour couvrir leurs maisons à l'aide des toits faits en tuiles de manière à diminuer les effets des catastrophes.

Ingingo ya 13: Igenzura

Ubuyobozi bw'Umurenge bushinzwe kugenzura ko inzu zubatswe muri uwo Murenge zifite ibisenge biziritse hashingiwe kuri aya mabwiriza.

Article 13: Inspection

The Sector authorities shall be in charge of inspecting whether the houses built in the Sector have fixed roofs in accordance with these Instructions.

Article 13: Contrôle

Les autorités de Secteur sont chargées de contrôler que les bâtiments construits dans le Secteur sont munis des toits fixés en conformité avec les présentes instructions.

UMUTWE WA IV: INGINGO ZISOZA

Ingingo ya 14: Igihe amabwiriza atangira gukurikizwa

Aya mabwiriza atangira gukurikizwa ku muni atangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika

CHAPTER IV: FINAL PROVISIONS

Article 14: Commencent

These Instructions shall come into force on the date of publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

CHAPITRE IV: DISPOSITIONS FINALES

Article 14: Entrée en vigueur

Les présentes instructions entrent en vigueur le jour de leur publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Official Gazette n° 23 of 10/06/2013

y'u Rwanda.

Kigali, kuwa 24/05/2013

Kigali, on 24/05/2013

Kigali, le 24/05/2013

(sé)
MUKANTABANA Séraphine
Minisitiri w'Imicungire y'Ibiza no Gucyura
Impunzi

(sé)
MUKANTABANA Séraphine
Ministry of Disaster Management and Refugee
Affairs

(sé)
MUKANTABANA Séraphine
Ministre de la Gestion des Catastrophes et des
Réfugiés

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya
Repubulika:**

**Seen and sealed with the Seal of the
Republic:**

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)
KARUGARAMA Tharcisse
Minisitiri w'Ubutabera / Intumwa Nkuru ya Leta

(sé)
KARUGARAMA Tharcisse
Minister of Justice / Attorney General

(sé)
KARUGARAMA Tharcisse
Ministre de la Justice /Garde des Sceaux